# 423: Reka nshim’ Umwami Yesu

1.

Reka nshim’ Umwami Yesu Kuko yankunze rwose :
Yarampinduye mb' umwana, Ngo tubane mw ijuru.

Ref:

Reka nshim' Umwami Yesu Ko yamvanye mu byaha; None ho, mfit' amahoro Arut' ay'isi cyane.

2.

Mur'iyi si dutuyemo Yuzuy' uburiganya, Ntabwo yabasha guhaza Iby' imitim' ishaka.

3.

Kand' Umwuka wawe wera,Abamuhawe bose, Ni W' ujy' abazinukisha Kwifuz' i by'isi byose,

4.

Ujye wirukan’ ubwenge Bwa Satan' anzanira Bwo kuntandukanya nawe, Isoko y'ubugingo.

5.

Yemw' ababyawe n'lmana,Mujye muhirimbana, Mugere ku Musaraba, Mubone kunesh' isi.

6.

Yes' amaz’ imyaka myinshi Ajy'atwihanganira; Nimuze, dusig' ab'isi, Babone kutwifuza.

7.

Mwe kujya muvuga Yesu,Uwo mwumvany' a bandi; Mujye mumureb' ubwanyu, Ari ku Musaraba.

8.

Mwe kujya mukebaguza No gusubir' inyuma Mu byo mwahozemo kera,Mudahemura Yesu !

Visit us at indirimbo.com